# UBUREMERE BWO KWIGANA IMIGENZO Y'ABAHAKANYI

## INSHAMAKE:

- UBUREMERE BWIYO MIGENZO.
- KWIRINDA KWIZIHIZA NO KWITABIRA NOHELI N'INDI MINSI MIKURU.
- IMINSI YACU MIKURU NGARUKA GIHE NI ITATU.


**Byateguwe na:**

**KWEGEREZA ISLAM UMURYANGO**

بسم الله الرحمن الرحيم

# UBUREMERE BWO KWIGANA IMIGENZO Y'ABAHAKANYI

الحمد لله رب العالمين، والصلاة والسلام على سيدنا محمد وعلى آله وصحبه ومن تبعهم بإحسان إلى يوم الدين .

Ishimwe n'ikuzo byuzuye nta wundi bikwiriye uretse Allah umurezi w'ibiremwa byose, turamusaba ko yataka Intumwa ye (Muhammad) mu bamalayika, akanayihundagazaho amahoro n'imigisha, yo n'abayo, n'abasangirangendo bayo, n'abayikurikiye, n'abazakomeza kuyikurikira kugeza ku munsi w'imperuka.

**عن أبي سعيد رضي الله عنه، أنَّ النبي ﷺ قال: "لَتَتَّبِعُنَّ سَنَنَ مَن قَبْلَكُمْ شِبْرًا بشِبْرٍ، وَذِراعًا بذِراعٍ، حتّى لو سَلَكُواجُحْرَ ضَبٍّ لَسَلَكْتُمُوهُ، قُلْنا: يا رَسُولَ اللَّهِ، اليَهُودَ والنَّصارى؟ قالَ: فَمَنْ؟"** [رواه البخاري واللفظ له ومسلم]

Biturutse kwa Abii Said Al-khudriy Allah amwishimire yavuzeko Intumwa ya Allah Muhammad (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) yavuze iti: "**Muzakomeza gukurikira imigenzo n'imigenzereze y'ababanjirije intambwe ku yindi, ndetse n'ukuboko ku kundi, kugeza ubwo nibaramuka binjiye mu mwobo w'akanyamanswa kitwa Dwabbu (ضَبٌّ)**(1) **namwe muzinjiramo", nuko turavuga tuti: Ntumwa ya Allah ushatse kuvuga (ko abo) ari Abayahudi n'Abakirisitu? iradusubiza iti: "None ubwo ni bande (batari abo)?** (2)." [Yakiriwe na Bukhariy na Muslim]

(1) Dwabbu (ضَبٌّ) ni akanyamanswa kari mu bwoko bw'ibikururanda kanini kabarizwa mu muryango w'inyamanswa ziteye nk'ibyugu, nanone kajya kumera nk'inyamanswa yitwa (lizard), kakaba kaboneka mu bihugu byo mu butayu (kakaba kanaribwa).

(2) Aha Intumwa ntabwo yabajije kugirango isubizwe, ahubwo ni ukugaragaza ko nta bandi igamije uretse abo. [nk'uko byaje mu gitabo Fat'hul Baariy cya Ibun Hajar Al-Asqalaniy].

ونقل ابن حجر رحمه الله في فتح الباري عن عياض رحمه الله أنه قال:**"الشِّبْرُ وَالذِّرَاعُ وَالطَّرِيقُ وَدُخُولُ الْجُحْرِ تَمْثِيلٌ لِلِاقْتِدَاءِ بِهِمْ فِي كُلِّ شَيْءٍ مِمَّا نَهَى الشَّرْعُ عَنْهُ وَذَمَّهُ."**

Na Ibun Hajar (Allah Amugirire Impuhwe) muri Fat'hul Baariy ari gusobanura iyi Hadith yazanye imvugo ya Ayyaad (Allah Amugirire Impuhwe) ko yavuze ati: "**Intambwe, ukuboko (pate), inzira, kwinjira mu mwobo, ni urugero (Intumwa ya Allah yatanze), mu kugaragaza uburyo bwo kubigana muri buri kimwe mu byo Idini ryabujije rikanabinenga**." [Fat'hul Baariy (13/301), icapiro: Al-Sul'twaaniyya]

## INYUNGU DUKURA MURI IYI HADITH:

1. Harimo ikimenyetso cy'uko Muhammad ari Intumwa ya Allah, aho yavuze ibi bitaraba bikaba byarabaye.
2. Ntabwo Umusilamu yemerewe kwigana imigenzo y'abahakanye, haba mu mico cyangwa mu myemerere.
3. Kwigana iriya migenzo yabo bikuganisha kugwa mu bibujijwe.
4. Gukurikira iriya migenzo bituma iri mu Idini ryacu yibagirana.

## ZIRIKANA IBI:

Nk'uko twabibonye muri Hadith yatambutse ni uko Intumwa y'Imana yatuburiye ubwo yatubwiraga ingaruka zo kwigana abahakanyi, biranazwi cyane ko twabujijwe kwigana abahakanyi, kubwa zimwe mu mpamvu twagaragarijwe haruguru.

Bityo uwiteguye kwifatanya n'abahakanyi mu kwizihiza ko umwaka urangiye, yakabaye atinya Allah, akanazirikana ko iyi minsi atari iyacu (twebwe abayislam).

Akanazirikana ko nta n'umusiyislamu ufite ubushishozi ukwiye kuyizihiza cyangwa kwifatanya n'abayizihiza mu buryo ubwaribwo bwose.

Ese koko Muvandimwe uranezezwa nuko igihe cyawe hano ku isi kiri kurangira!?

Ese witeganyirije iki uzajyana kwa Allah cyatuma wishimisha bigeze aha!?

Muvandimwe muyislam ibi birushaho kuba bibi cyane igihe uri kwifatanya nabo mu minsi bashyira inenge ku Mana (Allah), nka Noheli (bizihiza ko imana yabyaye yezu), cyangwa umunsi bizihiza witwa Pasika (bavuga ko yezu yapfuye), nk'uko usanga hari igihe wifatanya nabo ku munsi wo kubatizwa, gukomezwa n'indi migenzo cyangwa iminsi mikuru yabo, itemewe mu idini ryacu.

Niba uri Umwemeramana nyakuri, menya ko ibyo ari ubuhakanyi, k'uko baba bari kubangikanya Allah, kuyishyiraho inenge (nko kuvuga ko yabyaye), hamwe n'ibyo ukifatanya nabo! haba mu kubifuriza uwo munsi bizihije, ukwitabira ubutumire bwabo, ukuboherezaho abana bawe cyangwa umugore wawe kugira ngo bajye kugira ibyo babafasha nko kubatekera kubategurira uwo munsi n'ibindi nk'ibyo....

Muvandimwe zirikana ko ibyo byose biziririjwe kandi ko ari ukwifatanya n'abari kubangikanya Allah, no kumushyiraho inenge.

Mu by'ukuri ibi Allah yabibujije muri Qor'aan aho yagize ati:

﴿وَٱلَّذِينَ لَا يَشۡهَدُونَ ٱلزُّورَ وَإِذَا مَرُّواْ بِٱللَّغۡوِ مَرُّواْ كِرَامٗا﴾ [سورة الفرقان: ٧٢]

"(Abagaragu ba Nyirimpuhwe beza) ni ba bandi batajya bitabira ibinyoma (iminsi mikuru ngaruka gihe runaka y'abahakanyi), kandi iyo banyuze ku bintu by'amanjwe (ibirangaza), babinyuraho biyubashye.(babyirengagije, kandi batishimiye kuba biri gukorwa)"

[Suratu Al-Fur'qan: 72]

قَالَ ابْنُ كَثِيرٍ رَحِمَهُ اللهُ عَنْ قَوْلِهِ تَعَالَى: ﴿وَٱلَّذِينَ لَا يَشۡهَدُونَ ٱلزُّورَ﴾: "قَالَ أَبُو الْعَالِيَةِ، وَطَاوُسُ، وَمُحَمَّدُ بْنُ سِيرِينَ، وَالضَّحَّاكُ، وَالرَّبِيعُ بْنُ أَنَسٍ، وَغَيْرُهُمْ: هِيَ أَعْيَادُ الْمُشْرِكِينَ".

Ibun Kathiir (Allah amugirire impuhwe) yavuze ku jambo: "babandi batitabira ibinyoma" ati: "Abul Aaliyat, Twaawuus, Muhammad mwene Siiriin, Dwahhaak, Rabii mwene Anas n'abandi baravuze bati: (ikigamijwe) ni iminsi mikuru ngaruka gihe runaka y'ababangikanyamana." [Tafsiir Ibun Kathiir: (06/130), icapiro: Al-Salaamat]

قَالَ الْبَغَوِيُّ رَحِمَهُ اللهُ: قَالَ مُجَاهِدُ رَحِمَهُ لله: "**يَعْنِي أَعْيَادَ الْمُشْرِكِينَ...**" وقال قَتَادَةُ رَحِمَهُ اللهُ: "**لَا يُسَاعِدُونَ أَهْلَ الْبَاطِلِ عَلَى بَاطِلِهِمْ**."

Al-Baghawiy (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: Mudjahid (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: "**(Allah agamije) iminsi mikuru ngaruka gihe runaka y'ababangikanyamana...**" Na Qataadat (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: "**Ni babandi badatera inkunga abanyabinyoma ku binyoma byabo**."

[Tafsiirul Baghawiy: (06/98), icapiro: Tway'bat]

وَقَالَ اللهُ تَعَالَى: **﴿وَقَدْ نَزَّلَ عَلَيْكُمْ فِي الْكِتَابِ أَنْ إِذَا سَمِعْتُمْ آيَاتِ اللَّهِ يُكْفَرُ بِهَا وَيُسْتَهْزَأُ بِهَا فَلَا تَقْعُدُوا مَعَهُمْ حَتَّىٰ يَخُوضُوا فِي حَدِيثٍ غَيْرِهِ ۚ إِنَّكُمْ إِذًا مِّثْلُهُمْ ۗ إِنَّ اللَّهَ جَامِعُ الْمُنَافِقِينَ وَالْكَافِرِينَ فِي جَهَنَّمَ جَمِيعًا﴾** [سورة النساء: ١٤٠]

Na none Allah yaravuze ati: "**Kandi rwose (Allah) yabamanuriye mu gitabo (Qur'an) ko igihe muzajya mwumva amagambo ya Allah ahakanwa cyangwa se akerenswa, mutazajya mwicarana na bo (abayahakana n'abayakerensa), kugeza ubwo bahinduye bakajya mu bindi biganiro bitari ibyo. (Nimutagenza mutyo) ni ukuri ubwo muzaba mumeze nk'abo. Muby'ukuri, Allah azakoranyiriza indyarya n'abahakanyi bose mu muriro wa Jahanamu.**" [Suratu Al-nisaau: 140]

Ni gute wifatanya n'abantu ukanabifuriza umunsi nk'uyu wo kubangikanya Allah no kumushyiraho inenge!?

Umunsi Allah aba yarakaye kurusha ibindi bihe byose!
Alla yaravuze ati:

**﴿وَقَالُواْ ٱتَّخَذَ ٱلرَّحۡمَٰنُ وَلَدٗا (٨٨) لَّقَدۡ جِئۡتُمۡ شَيۡـًٔا إِدّٗا (٨٩) تَكَادُ ٱلسَّمَٰوَٰتُ يَتَفَطَّرۡنَ مِنۡهُ وَتَنشَقُّ ٱلۡأَرۡضُ وَتَخِرُّ ٱلۡجِبَالُ هَدًّا (٩٠) أَن دَعَوۡاْ لِلرَّحۡمَٰنِ وَلَدٗا (٩١) وَمَا يَنۢبَغِي لِلرَّحۡمَٰنِ أَن يَتَّخِذَ وَلَدًا (٩٢) إِن كُلُّ مَن فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِ إِلَّآ ءَاتِي ٱلرَّحۡمَٰنِ عَبۡدٗا (٩٣) لَّقَدۡ أَحۡصَىٰهُمۡ وَعَدَّهُمۡ عَدّٗا (٩٤) وَكُلُّهُمۡ ءَاتِيهِ يَوۡمَ ٱلۡقِيَٰمَةِ فَرۡدًا (٩٥)﴾** [سورة مريم: ٨٨-٩٥]

**"(Abahakanyi) baranavuze bati: "(Allah) Nyirimpuhwe afite umwana! (88) Rwose ibyo muvuga ni amahano! (ni ikintu gihambaye mu bubi kurusha ibindi byose)! (89) Ibirere biba byenda gusandara, n'isi yenda gusatagurika, ndetse n'imisozi yenda kuriduka. (90) Kubera ko bavuze ko (Allah) Nyirimpuhwe afite umwana. (91) Kandi bidakwiye ko (Imana) Nyirimpuhwe yagira umwana. (92) Nta na kimwe mu biri mu birere no ku isi kizagera imbere ya (Allah) Nyirimpuhwe kitari umugaragu (uciye bugufi). (93) Mu by'ukuri (Allah) arabazi neza kandi yaranababaruye nyabyo (ibyo bamubeshyeye bamwitirira kugira umwana). (94) Kandi ku munsi w'izuka, buri wese azamugana ari wenyine (nta buvugizi, nta n'icyo yitwaje {hanyuma ababarurire ibyo bakoze}). (95)"** [Suratu Mariam: 88-95]

Ni gute wakifatanya n'abantu batuma haza uburakari bwa Allah bigeze kuri uru rwego?

Si nibyo gusa ibiteye agahinda nuko mu bayislamu usanga hari n'ababaga amatungo kubera umwaka mushya cyangwa Noheli! Nyamara barananiwe no kubaga kubera Allah ku munsi w'ilaydi y'igitambo cyangwa bakora Aqiiqat z'abana babo.

Muvandimwe muyislam birakwiye ko dutinya Allah cyane ndetse tugaharanira no kwiga idini ryacu tukamenya ibyo ridutegeka tukabishyira mu bikorwa, tukanamenya ibyo ritubuza tukabireka.

**Ikindi nanone nuko nta rwitwazo rwo kwizihiza umwaka mushya ku muyislam.**

عَنْ أَنَسٍ رَضِيَ اللهُ عَنْهُ قَالَ: «قَدِمَ رَسُولُ اللهِ ﷺ الْمَدِينَةَ وَلَهُمْ يَوْمَانِ يَلْعَبُونَ فِيهِمَا، فَقَالَ: **مَا هَذَانِ الْيَوْمَانِ؟** قَالُوا: كُنَّا نَلْعَبُ فِيهِمَا فِي الْجَاهِلِيَّةِ، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ ﷺ: **إِنَّ اللهَ قَدْ أَبْدَلَكُمْ بِهِمَا خَيْرًا مِنْهُمَا يَوْمَ الأَضْحَى، وَيَوْمَ الْفِطْرِ».**

Biturutse kwa Anas (Allah amwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) yageze i Madinat (ubwo yimukaga ivuye i Makat), isanga abantu baho bafite iminsi (mikuru) ibiri bizihizaga, irababaza iti:

**iyi minsi ibiri ni bwoko ki?** Barayisubiza bati: ni iminsi twajyaga twizihiza tukanayishimishamo mu gihe cy'ubujiji (mbere yuko tumenya ubuyisilam). Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) ihita ibabwira iti: "**Mu by'ukuri Allah yamaze kuyibahindurira ibaguraniramo (iminsi mikuru abiri) myiza kuyiruta ilay'di yo gusiburuka n'ilaydi yo gutamba (Eidil ftri na Eidil adw'ha)**." (1)

Ibi Intumwa yabibabujije atari ukubera ko iyo minsi yari iyo bakoragaho amasengesho, ahubwo yari iminsi yo bishimishagaho gusa, yari n'iminsi ijyanye n'umuco wabo wariho icyo gihe!

Ibi bigahita bisobanura ko iriya minsi mikuru Allah yayibahinduriye atari ukubera ko ibangikanya cyangwa ibindi bikorwa byo kugaragira, ahubwo byari ukubera ko bayishimishagaho bisanzwe (atari Allah wayibashyiriyeho).

Bityo abantu bavuga ko kwizihiza umwaka mushya ntakibazo bitwaje atari umunsi bakoramo ibangikanya, bamenye ko Intumwa yabujije abasangirangendo bayo iriya minsi ibiri atari ukubera amasengesho, àhubwo niyo bajyaga bishimishaho bisanzwe.

Ibi kandi byasobanuwe n'abamenyi harimo Shaykhul Islam ibn Taymiyyat, aho yavuze ati : "**Ntabwo icyasimbuwe kiba hamwe n'icyagisimbuye.**"(2)

Bishatse kuvuga ko bitemewe kwizihiza indi minsi mikuru kandi Allah yaramaze kuyidusimburiza ilay'di ebyiri.

Nanone kandi abamenyi harimo Ibun Taymiyah na Ibnil Qayyim (Allah abagirire impuhwe) bavuze ko kuba bitemewe kwitabira iminsi mikuru ngaruka gihe runaka y'abahakanyi, no kuyifuzira abayizihiza, ibyo byemeranyijweho n'abamenyi bose ba k'Islamu.(3)

---

(1) Wabisanga muri Musnad ya Ah'mad (12006), Sunan Abii Daawuud (1134) no muri Sunan Al-Nasaaiy (1556) ikaba ari n'imvugo y'impamo.

(2) Wabisanga mu gitabo: "اقتضاء الصراط المستقيم" cya Ibun Taymiyah (1/486).

(3) Reba mu gitabo: "اقتضاء الصراط المستقيم" cya Ibun Taymiyah (1/479-509) no mu gitabo: "أحكام أهل الذمة" cya Ibnil Qayyim (1/441).

Mu kuri iyo Umuyislamu aza kuba akwiye gushishikarira kwizihiza kurangira k'umwaka yari kwizihiza umwaka wa kislam (AH).

Ariko hamwe n'ibyo byose Allah ntiyatwemereye kuwizihiza.

Muri Hadith yatambutse, humvikana mo ko indi minsi mikuru yose ngatuka gihe yose itari iyavuzwemo bitemewe kuyizohiza.

Nanone mu minsi twemerewe kwizihiza hiyongeraho umunsi wa ijuma, nawo ni umunsi mukuru ngaruka cyumweru nk'uko byashyizweho n'idiin, ibi byaje mu mvugo ikurikira:

عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رَضِيَ اللهُ عَنْهُمَا، قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: **«إِنَّ هَذَا يَوْمُ عِيدٍ، جَعَلَهُ اللَّهُ لِلْمُسْلِمِينَ، فَمَنْ جَاءَ إِلَى الْجُمُعَةِ فَلْيَغْتَسِلْ»**

Biturutse kwa Ibun Abbas (we nase Allah abishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) yaravuze iti: "**Mu by'ukuri uyu munsi ni umunsi mukuru ngaruka gihe (Ilay'di) Allah yawushyiriyeho Abayislamu, uzashaka kujya ku ijuma ajye yiyuhagira**." (2)

Tugarutse ku mwaka wa kisilamu usanga ikibabaje kinateye agahinda ari uko abenshi batamenya itangira n'irangira ry'uwo mwaka (wa k'Islamu) kandi ari wo ushingiyeho ibikorwa ngaragiramana byacu byose (ibadat zose dutegetswe gukora):

- Gusiba Ramadwan
- Gusiba Bay'dwaau
- Gukora Hijjah
- Gutanga Zakkat n'ibindi...

Iyo migenzo y'ubuyisilamu yose n'indi tutavuze, tumenya ko igihe cyayo kigeze ari uko hashingiwe kuri calendar ya kislam (ingengabihe ya kisalm/Hijri calendar).

---

(1) Yakiriwe na Ibun Maajah (1098) na Shuayb Al-Ar'naa-uut avuga ko ari impamo kubera izindi mvugo ziri mu bisobanuro byayo impamo, ndetse na Al-baaniy avuga ko ari Hassan (1/442) muri "صحيح الترغيب والترهيب".

Ariko hamwe n'ibyo ntabwo Allah yigeze atwemerera kwizihiza umwaka mushya wa kislam nk'uko byagarutsweho, ubwo ni gute twakwizihiza ibindi bitari wo!?

❒ **Dutinye Allah bavandimwe!**

**Zirikana ko iminsi mikuru wahawe nk'umwemeramana yo kwizihiza ari ❸ ariyo:**

❶ Idul Fitw'ri (umunsi mukuru ngaruka mwaka wo gusiburuka).
❷ Idul Adw'ha (umunsi mukuru ngaruka mwaka w'igitambo).
❸ Umunsi w'ijuma

Ese kuki tudashaka kunyurwa n'ibyidini ryacu?

Allah yaravuze ati:

**﴿أَوَ لَمۡ يَكۡفِهِمۡ أَنَّآ أَنزَلۡنَا عَلَيۡكَ ٱلۡكِتَٰبَ يُتۡلَىٰ عَلَيۡهِمۡۚ إِنَّ فِي ذَٰلِكَ لَرَحۡمَةٗ وَذِكۡرَىٰ لِقَوۡمٖ يُؤۡمِنُونَ﴾**

[سورة الأنكبوت: ٥١]

**"Ese ntibibahagije kuba twarakumanuriye igitabo (Qor'aan) basomerwa? Mu by'ukuri muri cyo harimo impuhwe n'urwibutso ku bantu bemera."** [Suratu Al-An'kabuut: 51]

Niba ibya islam bitakunyuze ukaba wumva hari ahandi ukwiye kujya kuvoma iyindi minsi, usuzume ukwemera kwawe.

Mu gusoza Allah niwe mumenyi wa byose, turamusaba ko yaduha gutunga no gutunganya, akaduha no gushyira mu bikorwa amahame y'idini akaturinda kumugomera twaba tubizi cyangwa tutabizi.

أُمِين

# KWEGEREZA ISLAM UMURYANGO




umuryangok@gmail.com